# Ngoma:U Buyapani bwatangije umushinga wo kuhira imyaka kuri hegitari 300

Yanditswe kuya **19-01-2016** saa **20:51'** na **Mukaneza M.Ange**

*Leta y'u Buyapani ibinyujije muri Ambasade yayo mu Rwanda yatangiye umushinga wo kubaka iriba(Dam) rifite uburebure bwa metero 14.9 rizafasha mu kuhira imyaka ku buso bwa hegitari 300.*

Uyu mushinga ufite agaciro ka miliyariri 9.5 z'amafaranga y' u Rwanda, uzakorerwa mu mirenge ya Rurenge na Remera mu karere ka Ngoma aho uzafasha abaturage kongera umusaruro w'ubuhinzi bukorerwa mu gishanga no ku misozi.

Ubuso buzuhirwa bugizwe na hegitari 265 zo ku misozi zizahingwaho ibihingwa birimo imboga n'imbuto na ho izindi 35 zo mu gishanga zihingweho umuceri.

Ubwo yasuraga ahari kubakwa ibikorwa remezo by'uyu mushinga kuri uyu 19 Mutarama 2016, Umunyabanga wa leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, ushinzwe ubuhinzi, Tony Nsanganira, yagaragaje ko uyu mushinga uzafasha kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi by'umwihariko imboga n'imbuto.

Ati" Iki gikorwa kizaza kiyongera ku yindi mishinga dufite yo kuhira mu duce dutandukanye tw'igihugu cyacu. Ibikorwa remezo mwabonye ahangaha bizafasha hegitari zirenga 30 zo mu gishanga kuhirwa ariko noneho imusozi ari naho twifuza kuzahinga ahanini ibihingwa by'imbuto n'imboga dushobora no kohereza mu mahanga bizaba biri kuri hegitari 300."

Nsanganira yakomeje agaragaza ko mu rwego rwo gukomeza gufata neza ibikorwa remezo by'uyu mushinga abahinzi bazabanza guhugurwa ndetse banashishikarizwe gukorera hamwe.

Ushinzwe ibikorwa muri Ambasade y'u Buyapani, Tomio Sakamoto yavuze ko uyu mushinga ari umwe mu mishinga itandukanye irimo iy'uburezi, ikoranabuhanga, isuku n'isukura ndetse n'indi igihugu cye kiyemeje gukora mu rwego rwo kugira uruhare mu iterambere ry'u Rwanda.

Iriba rizubakwa rizaba rifite uburebure bwa metero 14.9 n'ubushobozi bwo gufata amazi angana na m3 (soma metero kibe) 960000, rizakoresha kandi ibigega bitatu binini ndetse hanifashishwe imirasire y'izuba (Solar panel) 180 izajya itanga Khw 45 zizunganira umuriro w'amashanyarazi ukoreshwa n'imashini zizajya zijyana amazi mu mirima.

Umushinga wo kubaka iriba ryo kuhira watangiye muri Kamena 2015, bikaba biteganyijwe ko muri Kanama 2017 uzaba wuzuye neza ndetse iriba ritangire gukoreshwa.



U Buyapani busanzwe butera inkunga imishinga irimo uburezi, isuku n'isukura n'indi mu Rwanda


Pump
Station



Tony Nsanganira (ufite impapuro) yagaragaje ko uyu mushinga uzagira uruhare mu kongera umusaruro



Uyu mushinga uzafasha kuhira imyaka mu bishanga n'imusozi